**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'UBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA RWAMAGANA**

# AGATABO MPINE KUNGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA RWAMAGANA MUMWAKA WA 2022-2023







**Kanama, 2022**

CLADHO

unicef
for every child

## 1. IJAMBO RY'IBANZE



*Nkeramihigo z'Akarere ka Rwamagana'*

Kuva mu ntangiro z'ikiciro cya 2 cyo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi cyatangiye mu mwaka wa 2005, Akarere ka Rwamagana kamaze kugera ku iterambere rishimishije haba mu rwego rw'ubukungu, imibereho myiza imiyoborere myiza n'ubutabera.

Ibi bigaragarira ahanini ku buryo Akarere kamaze kugabanya umubare w'abaturage bari munsi y'umurongo w'ubukene ndetse n'abafite ubukene bukabije. Ni muri urwo rwego, ku bufatanye n'inzego zitandukanye za leta, abaturage b'Akarere n'ababahagarariye mu nzego zitandukanye hamwe n'abafatanyabikorwa b'Akarere hateguwe Ingengo y'imari y'Akarere mu mwaka wa 2022/2023, hagamijwe gukomeza kwihutisha gahunda zizana iterambere ryihuse ry'umuturage.

Nk'uko byumvikanyweho hategurwa gahunda y'iterambere ry'Akarere mu gihe cy'imyaka itandatu iri imbere (District Developement strategy for 2018/2024), Ingengo y'imari y'umwaka wa 2022/2023 yateguwe hagamijwe; gutera inkunga imishinga y'iterambere igamije gutanga akazi ku rubyiruko n'abagore, kubaka ibikorwaremezo bigamije guteza imbere imiturire mu duce tw'umujyi wa Rwamagana, guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, kubaka urwego rw'abikorera no kurushaho kongera uruhare rwabo mu mishinga y'iterambere, kubungabunga ibidukikije, kubaka no gusana imiyoboro y'amazi mu mirenge yo mu cyaro, gukomeza ibikorwa bigamije gufasha abatishoboye no kubakura mu bukene bukabije, guteza imbere ibikorwa by'ubuzima, uburezi, imiyoborere myiza n'ubutabera hamwe no kurangiza imishinga y'iterambere itararangiye mu mwaka wa 2021/2022.

Nizeye ntashidikanya ko tuzakomeza gufatanya gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no kwesa imihigo by'umwaka wa 2022-2023 ndetse no gukomeza gusigasira ibyagezweho mu myaka yashize.


Mugire amahoro.

**MBONYUMUVUNYI Radjab**
**Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana**

## 2. INTEGO Y'AKA GATABO

Intego y'aka gatabo ni ugufasha abaturage kumenya bimwe mu bikorwa by'Akarere bizakorwa byavuye mu bitekerezo batanze hategurwa ingengo y'imari ya 2022/2023 kugira ngo buri muturage amenye ibizamukorerwa, abigire ibye afashe ubuyobozi kubishyira mu bikorwa anamenye uruhare afite mu kubibungabuga.

## 3. IMITERERE Y'AKARERE KA RWAMAGANA




Akarere ka Rwamagana ni kamwe mu Turere 7 tugize Intara y'Iburasirazuba, kakaba ariko kabarizwamo icyicaro cy'Intara. Akarere gahana imbibi mu majyepfo n'Akarere ka Ngoma, mu majyaruguru n'Akarere ka Gatsibo na Gicumbi, Iburasirazuba n'Akarere ka Kayonza mu Burengerazuba n'Akarere ka Gasabo, Kicukiro na Bugesera.

Akarere ka Rwamagana kagizwe n'Imirenge 14, Utugali 82 n'Imidugudu 474. Gafite ubuso bungana na 691.6 Km2 n'abaturage bagera kuri 402,946, (205,734 abagore, 197,212 abagabo) bari ku bucucike bw'abaturage 515/$Km^2$.

Akarere ka Rwamagana karangwa n'ibikorwa by'ubucuruzi mu gice cy'umujyi no muri santeri z'ubucuruzi zigera ku 10, naho mu gice cy'icyaro ari nacyo kinini higanje ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi. Ibihingwa byatoranyijwe bihingwa mu Karere n'ibigori, urutoki, umuceri na Kawa hakiyongereho igihingwa cya soya.


Akarere kamaze kugera ku ntera ishimishije mu bijyanye n'iterambere n'ubwo hakiri byinshi bikeneye kongeramo ingufu. Bimwe mubyagezweho n'ibi bikurikira:

- ✓ Umubare w'abaturage batunzwe n'umwuga wo guhinga ni 72.8%
- ✓ Umubare w'ingo zingana na 83% zituye mu midugudu
- ✓ Umubare w'ingo zifite amashanyarazi 66.4%
- ✓ Umubare w'ingo zifite amazi meza ni 86.56%
- ✓ Umubare w'abashomeri bari mu Karere ni 12.4%
- ✓ Umubare w'ibigo nderabuzima ni 15 byose bitanga serivisi za echography
- ✓ Umubare w'ibigo by'amashuri biri mu karere ka Rwamagana ni ibigo 48 mu mashuri abanza, ibigo 36 mu mashuri y'imyaka icyenda (9YBE), ay'imyaka cumi n'ibiri ni 22, ayisumbuye ni 11 amashuri y'imyuga (TVETS) ni 15 naho aya Kaminuza ni 3.

## 4. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA RWAMAGANA

### 4.1. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE MU MYAKA ITATU ISHIZE

| UMWAKA | INGENGO Y'IMARI |
|---|---|
| 2019-2020 | 16,626,258,896 |
| 2020-2021 | 22,396,416,515 |
| 2021-2022 | 23,086,239,617 |
| 2022-2023 | 28,501,553,916 |




### 4.2. INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE 2022-2023

Akarere ka Rwamagana, muri uyu mwaka w'imari 2022-2023 kazakoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga Miriyari makumyabiri n'umunani na miriyoni magana atanu n'imwe n'ibihumbi magana atanu na mirongo itanu na bitatu na magana cyenda na cumi n'atandatu (28,501,553,916 Frw).

| UMWAKA | INGENGO Y'IMARI (Frw) | AYIYONGEREYE UGERERANYIJE N'UMWAKA WA 2021-2022 (Frw) | IJANISHA RY'INYONGERA |
|---|---|---|---|
| 2022-2023 | 28,501,553,916 | 5,415,314,299 | 19% |


**Iyi ngengo y'imari igabanyije munkingi eshatu za Guverinoma kuburyo bukurikira:**

| INKINGI | INGENGO Y'IMARI (Frw) | IJANISHA (%) |
|---|---|---|
| Iterambere ry'Ubukungu | 7,657,719,752 | 27% |
| Iterambere ry' Imibereho myiza | 16,166,585,172 | 57% |
| Imiyoborere myiza n'ubutabera | 4,677,248,992 | 16% |
| **IGITERANYO** | 28,501,553,916 | 100% |



## 4.3. INKOMOKO Y'INGENGO Y'IMARI

| AHO IMARI IZATURUKA | INGANO | IJANISHA |
|---|---|---|
| Imishahara y'abakozi | 2,388,233,756 | 8% |
| Amafaranga aturuka mu butegetsi bwite bwa Leta | 19,307,516,192 | 68% |
| Amafaranga yinjizwa n'Akarere | 2,636,146,325 | 9% |
| Amafaranga aturuka mu bigo bya Leta | 3,871,313,850 | 14% |
| Amafaranga yimukanywe | 298,343,793 | 1% |
| **IGITERANYO** | **28,501,553,916** | **100%** |



### 4.4. UKO INGENGO Y'IMARI IGABANYIJE

| IBIKORWA | INGENGO Y'IMARI (Frw) | IJANISHA (%) |
|---|---|---|
| Imishahara y'abakozi n'ibindi bikorwa | 3,733,434,147 | 13.1% |
| Kubaka no gusana imihanda n'amateme | 5,064,320,935 | 17.8% |
| Gukwirakwiza amazi n'isukura | 188,048,049 | 0.7% |
| Kurengera abatishoboye | 1,387,755,361 | 4.9% |
| Imiyoborere myiza n'ubutabera | 949,234,845 | 3.3% |
| Guteza imbere uburezi | 11,493,362,008 | 40.3% |
| Kubungabunga no guteza imbere ubuzima bw'abaturage | 2,862,150,087 | 10.0% |
| Guteza urubyiruko, umuco na siporo | 235,269,667 | 0.8% |
| Guteza imbere abikorera no guhanga umurimo | 911,432,539 | 3.2% |
| Guteza imbere Ubuhinzi nubworozi | 1,455,497,318 | 5.1% |
| Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere | 12,048,960 | 0.0% |
| Gukwirakwiza ingufu z'amashanyarazi | 190,000,000 | 0.7% |
| Guteza imbere imiturire n'imicungire y'ubutaka | 19,000,000 | 0.1% |
| **TOTAL** | **28,501,553,916** | 100 |

### 5. BIMWE MU BIKORWA BYAKOZWE MU MWAKA WA 2021 - 2022

| sn | IBIKORWA | IBIPIMO |
|---|---|---|
| **Guteza imbere Ubuhinzi nubworozi** | | |
| 1 | Kuhira ubutaka k'ubuso buto (Ha) | 273/273 |
| **Guteza imbere abikorera no guhanga umurimo** | | |
| 2 | Twatanze ibikoresho by'akazi kubanyeshuri barangije muri TVET (Toolkits) | 204/204 |
| 3 | Kubaka isoko rya kijyambere mu mujyi wa Rwamagana no Kwagura agakiriro | 10% |
| **Gukwirakwiza ingufu z'amashanyarazi** | | |
| 4 | Gucanira amatara umuhanda wa kaburimbo Nyagasambu-Kigabiro (19 km) | 100% |
| **Kubaka no gusana imihanda n'amateme** | | |
| 5 | Kubaka umuhanda wa kaburimbo Karangara-Flower Park (13.93 Km) | 10% |
| 6 | Kubaka imihanda itandukanye mu mujyi wa Rwamagana ifite uburebure bwa 4.46 Km | 10% |
| 7 | Gutunganya imihanda y'imigederano mu Mirenge itandikanye hakoreshejwe VUP-PW sectors (15 km) | 100% |
| **Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere** | | |

| | | |
|---|---|---|
| 8 | Gutera amashyamba ku buso bungana na 43 Km | 100% |
| 9 | Gutera ibiti by'imbuto 72000 | 100% |
| **Guteza imbere imiturire n'imicungire y'ubutaka** | | |
| 10 | Gutunganya igishushanyombonera cy'Umujyi wa Rwamagana ku buso bungana na 6,820 ha | 100% |
| 11 | Kubuka ikigega kiri mu butaka gifata amazi mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Rwimboga | 100% |
| 12 | Kwagura ikigo nderabuzima cya Ntunga | 100% |
| **Guteza imbere uburezi** | | |
| 13 | Kubaka amacumbi y'abanyeshuri mu kigo cy'amashuri cya Ecole Technique Saint Kizito/Musha | 88% |
| 14 | Gufasha amakoperative 4 y'abafite ubumuga | 100% |
| **Gukwirakwiza ingufu z'amashanyarazi** | | |
| 15 | Guha ingo 3,000 umuriro w'amashanyarazi | 100% |
| 16 | Guha ingo 850 umuriro w'amashanyarazi uturuka ku morasire y'izuba | 100% |
| 17 | Gutanga imbabura za rondereza 2,500 zitangiza ibidukikije | 100% |
| **Gukwirakwiza amazi n'isukura** | | |
| 18 | Ingo 1,314 zahawe amazi | 100% |
| **HUMAN SECURITY ISSUES** | | |
| 19 | Hasanwe amazu 266 y'abatishoboye yari ameze nka nyakasti | 100% |
| 20 | Hubatswe amazu 93 yahawe abatishoboye bari badafite aho kuba | 100% |
| 21 | Ubwiherero bwasaniwe imiryango itishoboye 648 | 100% |
| **Gucunga neza umutungo wa leta** | | |
| 22 | Kwinjiza imisoro n'amahoro | 91.4% |
| 23 | Kugaruza amafaranga leta yatsindiye mu manza zitandukanye | 92.6% |
| 25 | Gukorera ubugenzuzi ibigo 25% bishamikiye ku Karere | 25% of NBAs (31/123) |
| 26 | Hakozwe gahunda yo kwigiranaho hagati y'ibigo bishamikiye ku Karere | 100% of District NBAs (123/123) |

## 6. BIMWE MU BIKORWA BY'INGENZI BIZAKORWA MU MWAKA WA 2022-2023

| No. | IBIKORWA | IBIPIMO | INGENGO Y'IMARI (FRW) |
|---|---|---|---|
| 1. | Guhuza ubutaka kubihingwa byatoranijwe | **Ibigori - ha 17500**<br>**Ibishyimbo - ha 32000**<br>**Soya - ha 505**<br>**Umuceri - ha 840**<br>**Imyumbati - ha 873** | 44,438,713 |
| 2. | Gutanga imbuto z'indobanure | **Ibigori - 200000 kg**<br>**Soya - 20038 kg** | 181,635,766 |
| 3. | Ibiro (kg) by'ifumbire bizakoresha n'abahinzi | **(DAP) 1200000**<br>**(Urea) 900000**<br>**(NPK) 624686**<br>**(KCL+ Blends) 95000** | 905,306,450 |
| 4. | Kuhira imyaka ku buso buto | **250 ha** | 203,354,246 |
| 5. | Gufatira ubwishingizi imyaka | **Ibigori 227 Ha**<br>**Umuceri 779 Ha**<br>**Urusenda 5 Ha** | 5,267,054 |
| 6. | Gufatira ubwishingizi Amatungo | **Inka 1690**<br>**Inkoko 7500**<br>**Ingurube 150** | |
| 7. | Gutera Inka intanga | **9,600** | 45,727,411 |
| 8. | Gutunganya Ikawa | **Toni 650** | 2,287,745 |
| 9. | Ubuso buzaterwaho imboga | **1200 Ha** | |
| 10. | Kubaka isoko rya kijyambere mu mujyi wa Rwamagana | **31%** | 855,942,684 |
| 11. | Kwagura agakiriro ka Rwamagana | **100%** | |
| 12. | Amasoko mato azubakwa | **2** | 59,000,000 |
| 13. | Gukora igishushanyombonera cy'Akarere | **70%** | 300,004,000 |
| 14. | Kubaka umuhanda wa kaburimbo wa Karangara-Flower Park ufite uburebure bwa km 13.93 | **50%** | 1,300,000,000 |
| 15. | Kubaka imihanda ya kaburimbo mu mujyi wa Rwamagana | **86%** | 2,779,362,895 |
| 16. | Gutunganya imihanda y'imigederano mu Mirenge itandikanye hakoreshejwe VUP-PW sectors (25 km) | **100%** | 441,604,477 |
| 17. | Kubakira imiryango 30 y'abarokotse Jenoside batishoboye | **100%** | 399,717,068 |
| 18. | Imishinga y'ubudehe izaterwa inkunga | **7** | 95,000,000 |
| 19. | Umubare w'inka zizatangwa muri gahunda ya Girinka | **900** | 133,081,725 |
| 20. | Koperative z'abafite ubumuga zizaterwa inkunga | **4** | 4,000,000 |
| 21. | Umubare w'insimburangingo zizahabwa abafite ubumuga | 125 | 4,000,000 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 22. | Kwagura ikigo nderabuzima cya Ntunga | **100%** | 343,621,902 |
| 23. | Kubaka ECD imwe | **100%** | 27,879,500 |
| 24. | Kubaka ibyumba by'amashuri 12 ibikoni 8 n'ubwiherero 18 | **100%** | **153,891,304** |
| 25. | Kubaka amacumbi y'abanyeshuri mu kigo cy'amashuri cya Ecole Technique Saint Kizito/Musha | **100%** | **280,455,942** |
| 26. | Kubaka amacumbi y'abanyeshuri mu kigo cy'amashuri cyat Rubona TVET | **10%** | 70,000,000 |
| 27. | Kwigisha abakuze gusoma no kwandika | 3,500 | 15,028,633 |
| 28. | Gusana amazu y'abatishoboye ameze nka nyakatsi | **162** | 30,409,000 |
| 29. | Kubakira amazu imiryango yabatishoboye badafite icyo kurya | **79** | |
| 30. | Gusanira ubwiherero imiryango itishoboye | **391** | |
| 31. | Kubakiraubwiherero imiryango yabatishoboye batabufite | **6** | |
| 32. | Kwijiza imisoro n'amahoro | 2,636,146,326 | 206,210,863 |

## 7. IMISHINGA IZAGIRA INGARUKA NZIZA KU BIJYANYE N'UBURINGANIRE NO GUHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

### 7.1. Imishinga yunganira ihame ry'uburinganire

| No. | IBIKORWA | ICYO BIZAFASHA | INGENGO Y'IMARI |
|---|---|---|---|
| 2 | Kubaka isoko ryakijyambere mu mujyi wa Rwamagana | Muri rusange abanu bakorera muri irisoko higanjemo abagore kurusha abagabo. Kububakira isoko rya kijyambere bizababateza imbere | 855,942,684 |
| 3 | Kwagura agakiriro ka Rwamagana | Agakiriro kashizweho kugirango hahangwe imirimo y'imyuga n'ubukorikori. Iyi mirirmo ikazafasha abagore n'abagabo kwiteza imbere mu buryo burabye | |
| 4 | Kubaka umuhanda wa kaburimbo wa Karangara-Flower Park ufite uburebure bwa km 13.93 | Uyu mushinga uzatanga imirimo irenga igihumbi harimo izakorwa n'abagabo ndetse n'abagore | 1,300,000,000 |
| 5 | Kwagura ikigo nderabuzima cya Ntunga | Iki kigo nderabuzima kizaba kirimo serivse zose kikenewe n'abagore cyane cyane izo kubyaza | 343,621,902 |
| 6 | Kubaka ECD imwe | Ababyeyi bazabona aho baziga abana kugirango baye gukora indi mirimo ibyara inyungu | 27,879,500 |
| 7 | Guha ingo 2,000 umuriro w'amashanyarazi | Buzatuma gucanira ingo byoroha bitume abagore nabagabo babasha gukora indi mirimo yo murugo biboroheye. | 500,000 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 8 | Guha ingo 320 umuriro w'amashanyarazi uturuka ku morasire y'izuba | Buzatuma gucanira ingo byoroha bitume abagore nabagabo babasha gukora indi mirimo yo murugo biboroheye. | |
| 9 | Gutanga imbabura za rondereza 4,200 zitangiza ibidukikije | Bizafasha abagore bakora imirimo yoguteka kworoherwa niyo mirimo kubera ko izi mbabura ziteka vuba kandi nta myotsi zitera. | |
| 10 | Ingo 700 zahawe amazi | Ubusanzwe abagore nibo bakora akazi ko kuvoma. Iyo bahawe amazi mungo bituma umwanya bari gukoresha byajya kuvuma bawukoresha muyindi mirimo ibyara inyungu | 500,000 |

### 7.2. Imishinga izakorwa yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe

| No. | Ibikorwa | Ibipimo |
|---|---|---|
| 1 | Kuhira imyaka ku buso buto | **250 ha** |
| 2 | Gutera amashyamba | **987 ha** |
| 3 | Gutera ibiti by'imbuto | **35500** |
| 4 | Gukora igishushanyombonera cy'Akarere | **70%** |
| 5 | Gutanga umuriro uturuka ku mirasire y'izuba | **320** |
| 6 | Gutanga imbabura za rondereza | **4,200** |
| 7 | Gutunganya amavomo y'amazi | **88%** |

## 8. UKO AKARERE GAHAGAZE KUBINDI BIPIMO

### a) Bimwe mu bipimo by'uburezi, ubuzima n'ibikorwaremezo

| IGIPIMO | INGANO |
|---|---|
| Ibigo by'amashuri abanza | *105*<br>Abanyeshuri 91501: (abahungu 46,120 , abakobwa 45.381**)** |
| Ibigo by'amashuri yisumbuye | *68*<br>Abanyeshuri 24.101: (abahungu **10.292**, abakobwa **13.809)** |
| Ibigo by'amashuri ya TVET | *15*<br>Abanyeshuri **3.524**: (abahungu **1.479** , abakobwa **2.045)** |
| Amarerero akorera mu ngo (Home based ECD) | 441 |
| Amarerero ari ku bigo by'amashuli (School Based ECD) | 203 |
| Ibigo nderabuzima | 15<br>Byose bifite service za echograph |
| Amavuriro y'ibanze (Health Posts) | 33 |
| Imihanda ya kaburimbo (Km) | 46.18 |
| Imihanda y'ibitaka ikoze neza/Feeder roads (Km) | 376.4 |

**b) UBURYO BUZIFASHISHWA MUKUGEZA AKA GATABO KU BATURAGE**

- ✔ Urubuga rw'Akarere: www.rwamagana.gov.rw
- ✔ Radio
- ✔ Inama zitandukanye z'abayobozi
- ✔ Inteko z'abaturage
- ✔ Kubigeza kubakuru b'imidugudu

## 8.1. AMAHIRWE YO KUBYAZWA UMUSARURO MU KARERE KA RWAMAGANA

- **Ubutaka bwera**
- **Ibiyaga bya Muhazi na Mugesera** bibereye ubukerarugendo, ubworozi n'uburobyi bw'amafi, ndetse byanatanga amazi yo gukoresha haba mu nganda no mu ngo. ·
- **Imirimo y'ubukorikori** igaragara mu karere ni myinshi ku buryo yashorwamo imari ikabyazwa umusaruro mu buryo butangandukanye.
- **Insisiro (centres de negoce)** zitandukanye zikomeje kugaragaza kwaguka no gukura vuba vuba mu buryo butangaje ku buryo ishoramari mu miturire ryatanga umusaruro mu buryo bushimishije.
- **Kuba haboneka umutungo kamere** nk'amabuye y'agaciro, amabuye manini asanzwe, umucanga, n'ibindi byakwihutisha iterambere ry'Akarere.
- **Kuba Akarere ka Rwamagana kari mu marembo y'umujyi wa Kigali**. Ibi bituma iterambere ryaba iry'inganda ndetse n'iry'imiturire byihuta.